

## **Inyungu ku nguzanyo zo kugura imodoka za VW ziteranyirizwa mu Rwanda igiye kugabanya**

Yanditswe na [Philbert Girinema](#)

Kuya 6 Kanama 2018



Hashize ukwezi mu Rwanda hatangijwe imirimo y'uruganda rukomeye ku lsi mu bijyanye no gukora imodoka rwa Volkswagen, rufite intego yo gutangira kuziteranyiriza muri Kigali; nta gihindutse iya mbere ikazagera ku isoko muri Nzeri uyu mwaka.

Iki kigo cyitwa 'Volkswagen Mobility Solutions Rwanda' giherereye mu gice cyahariwe inganda i Masoro mu Karere ka Gasabo, kizatangira giteranya imodoka 5000 ku mwaka zo mu bwoko bwa VW Polo, VW Passat, VW Tiguan, VW Teramont na VW Amarok.

Muri ubu bwoko, hafi ya bwose hazajya hakorwa izi 'Automatique' usibye VW Polo hazabanza gukorwa izishyirwamo vitesi mu buryo busanzwe (manuel).

Mu kiganiro IGIHE yagiranye na Mugabo Jean Luc, Umuyobozi ushinzwe ubucuruzi muri CFAO Motors Rwanda Ltd, ikigo cyagiranye imikoranire na Volkswagen akaba aricyo gifite mu nshingano ibijyanye no gutteranya imodoka; yasobanuye ko hari abanyarwanda benshi bamaze kugaragaza inyota yo gutunga izi modoka.

Ati "Tumaze kumenyesha abanyarwanda icyo ari cyo Volkswagen. Ko ari imodoka ikomeye, idahenze nk'uko babitekerezaga. Ikindi ni uburyo bwo kugurisha. Mu kwezi kwa karindwi twatangiye kubona ubusabe bw'abakeneye kuzigura."

Mu bwoko butanu bw'imodoka zizateranyirizwa mu Rwanda, iyitwa Amarok ni yo benshi bifuje. Ati "Ni Pick up ifite umwihariko ko ishobora kujya mu misozi ikaba inahendutse ugereranyije n'izindi nkayo ziri ku isoko. Igura miliyoni 41 harimo imisoro. Indi bakunze cyane ni Teramont, abantu b'abayobozi cyane ni bo bayibaza. Izo modoka ebyiri twongeyeho iyitwa Tiguan."

Iyi modoka kimwe n'izindi nyinshi ziri gushyirwa ku isoko muri iki gihe, zikozwe mu buryo vitesi zihindura, bitandukanye n'izindi aho umuyobozi w'ikinyabiziga ari we ubikora byose. Iyi yo irihindura ku buryo ubaze vitesi zigera ku munani.

Iyi modoka kandi ifite moteri y'ibitembo bitandatu bikoze inyuguti ya V aribyo bizwi nka V6 biyihereza ubushobozi bwo kunyaruka.

Bitewe n'ikoranabuhanga ryayo, moteri yayo iyihesha ubushobozi bwo kuba nibura mu masegonda 10 umuntu amaze kuyatsa, yaba yafashe ingufu zituma ifata umuvuduko wa kilometero 50 ku isaha. Ibi bisobanuye ko yaba ihagurukiye muri vitesi ya gatatu cyangwa iya kane.

Ikindi kandi nko mu masegonda 7.9 imaze guhaguruka ingufu zayo ziyyihesha ubushobozi bwo kuba yafata umuvuduko uri hagati y'ibilometero 0 na 100 ku isaha.

Ingufu zikurura imodoka zituruka mu mapine yose uko ari ine aribyo bizwi nka All-Wheel Drive. Ubu bwoko kandi ntibunywa lisansi nyinshi kuko nko mu ntera y'ibilometero 100, ishobora kunywa litiro 8.3.

### **Inyungu ku nguzanyo z'imodoka zateranyirijwe mu Rwanda zizagabanywa**

Muri gahunda ni uko imodoka zikorwa n'uru ruganda zizajya ziteranyirizwa mu Rwanda. Kugeza ubu, imirimo ntiratangira kuko ibikoresho byose bitaragera mu gihugu.

Ati "Dutegereje ibikoresho bimwe na bimwe, biri mu nzira. Kuri gahunda bizagera inaha mu Rwanda muri uku kwezi kwa munani ni ukuvuga ko imodoka ya mbere iteranyirijwe mu Rwanda izajya ku isoko muri Nzeri."

**VW Polo** izaba igura **23,881** by'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga miliyoni zirenga gato 20 z'amafaranga y'u Rwanda ari nayo ihendutse.

Imodoka ya **VW Passat** izajya igura **37,674** by'amadolari ( hafi miliyoni 33 Frw), **VW Tiguan** izaba igura **37,719 \$**; **VW Amarok** izwiho guhangara imisozi n'imihanda itameze neza izajya igura **44,559 \$**. Hari kandi **VW Teramont** izaba igura **48,156 \$** (miliyoni 42 Frw).

Ibiciro by'izi modoka ni kimwe mu byo abanyarwanda bagaragaje ko biri hejuru, basaba ko hagira uburyo bushyirwaho bwazorohereza uwo ariwe wese ufite amikoro kuba yatunga iyi modoka.

Muri iyi gahunda ngo hari ibiganiro n'amabanki ku buryo yagabanya inyungu ku nguzanyo z'imodoka zateranyirijwe mu Rwanda.

Mugabo yagize ati "Twarabibasobanuriye twumva barabyumva kuko inyungu baca umuntu ukuye imodoka i Dubai n'umuntu uguze iyateranyirijwe hano, ntabwo yakabaye ingana. Twasanze babyumva ku buryo nko mu byumweru bibiri tuzaba twasinyanye amasezerano."

Banki ya Kigali na Banki y'Abaturage y'u Rwanda ngo ni iza mbere zamaze kwemera kugirana amasezerano y'ubufatanye na CFAO. Gusa ngo hari n'izindi nazo zagaragaje ko zifuba gufatanya n'uru ruganda mu korohereza abanyarwanda.

IGIHE ifite amakuru ko bishoboka ko inyungu ku nguzanyo z'imodoka by'umwihariko izateranyirijwe mu Rwanda ishobora kuzaba **16%** ivuye ku isanzwe ya **18%**.

Nibura abantu bari hagati ya **500 na 1000** bazabona imirimo kubera iki kigo cya Volkswagen cyatangiye gukorera mu Rwanda, aho kugeza ubu abakozi **34** bahuguwe ku bikorwa by'iki kigo barimo **Abanyarwanda bane**.

Aba bahuguwe ku buryo bagira ubushobozi bwo guhugura abandi bagiye kuzahabwa akazi mu minsi iri imbere.